

## **URUHARE RW'UMUGORE MU GUHARANIRA UBURENGANZIRA AHABWA N'AMATEGEKO**

### **I. IRIBURIRO**

U Rwanda rushishikajwe n'ibibazo by'uburinganire. Ibyo bigaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ndetse no mu ngamba zinyuranye z'iterambere ry'Ighugu cyacu. Aha twavuga nk'icyerekezo cya 2020, gahunda y'ighugu yo kurwanya ubukene n'izindi.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ntangiriro yaryo ryibutsa ko u Rwanda rugendera ku mahame remezo ndetse n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu. Muri urwo rwego Leta yubahiriza amasezerano mpuzamahanga harimo ayo kurwanya ivangura iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina.

Mu gushyira mu bikorwa ayo mahame remezo, u Rwanda rwiyemeje kuba igihugu kigendera ku ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo, ibyo bigashimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Politiki y'ighugu y'uburinganire ishingiye ku ihame ry'uko abagore n'abagabo ari abanyagihugu bareshya bagomba kugira uruhare rusesuye mu iterambere ry'ighugu kandi n'inyungu zivuyemo zikabageraho ku buryo bungana.

### **II. IBIKORWA BYA LETA Y'U RWANDA BIGAMIJE GUHA UMUGORE UBURENGANZIRA MU BIKORWA BITANDUKANYE**

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ikandamizwa ry'umugore ryaranze igihugu cyacu mu bihe byashize, Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda yagiye ifata ingamba zitandukanye mu rwego rwo guha umugore uburenganzira bwo gukora, gukurikirana no kugira uruhare mu bikorwa bitandukanye.

Kugira ngo ibyo biggerweho hagiye hashyirwaho amategeko atandukanye agamije guha umugore uburenganzira ku bintu bitandukanye. Twavuga nk'amwe mu mategeko akurikira:

- 1° Itegeko ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;
- 2° Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;
- 3° Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda iohoterwa;
- 4° Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana iohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;

Aya mategeko kimwe n'andi agitegurwa ashayirwaho mu rwego rwo guha umugore uburenganzira bungana n'ubw'umugabo. Nyamara ariko umugore aracyafite imbogamizi zimubuza kugera kuri ubwo burenganzira ahabwa n'amategeko.

### **III. IMBOGAMIZI UMUGORE AHURA NAZO MU GUHARANIRA UBURENGANZIRA AHABWA N'AMATEGEKO**

Umunyarwandakazi aracyafite imbogamizi zimubuza kugera ku burenganzira ahabwa n'amategeko. Twavuga nk'izi zikurikira:

- 1° umuco (kutagera ku mutungo w'urugo nk'amafaranga);
- 2° kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'umugabo n'umugore;
- 3° kuba umubare munini w'abagore utaragize amahirwe yo kwiga mu bihe byashize, bityo ntibyorohe kumenya n'ibyo amategeko ateganya ;
- 4° kutagira umuco wo gusoma, kumva radiyo no gukurikirana ibindi ibiganiro baba byateguwe mu rwego rwo kumenyekanisha amategeko;

### **IV. URUHARE RW'UMUGORE MU GUHARANIRA UBURENGANZIRA AHABWA N'AMATEGEKO**

- ✓ Umugore ntakwiye kubonwamo ubushobozi buke kuko nawe arashoboye.
- ✓ Muri urwo rwego, umugore aho ari hose agomba kureba ko ibyo amategeko amuteganyiriza mu kazi abibona kandi ntagire isoni zo guharanira uburenganzira bwe mu gihe haba hari ushaka kubumuvutsa uwo ari we wese.
- ✓ Abagore bahagarariye abandi mu nzego zitandukanye, bakwiye kujya bategura ibiganiro mu byiciro bitandukanye kuva ku rwego rw'Ighugu kugera ku mugudu bigamije gukangurira abagore gusobanukirwa neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hamwe no kumenya no gushyira mu bikorwa amategeko abarengera.
- ✓ Kutitinya, buri mugore akgirira icyizere byatuma umugore yumva ko nawe ashoboye,
- ✓ Kvitabira inzego z'abagore kuva ku mudugudu kugera ku rwego rw'Ighugu kuko izo nzego ari imiyoboro ifasha abagore guharanira no kumenya uburenganzira bagenerwa n'amategeko.
- ✓ Inzego z'abagore zigomba kujya zitegura ibiganiro mpaka, ibiganirio mbwirwaruhame cyangwa nyunguranabitekerezo mu rwego rwo gufasha abagore kuva ku rwego rw'umudugudu gusobanukirwa n'uburenganzira amategeko abagenera.
- ✓ Kwibumbira mu mashyirahamwe atandukanye bituma bivana mu bukene,,
- ✓ Umugore akwiye kvitabira gahunda zigamije kujijuka no kumenya aho uburenganzira bwe butangirira n'aho bugarukira.
- ✓ Kubera ko rero umwana apfa mu iterura, umugore akwiye kwihutira kujyana abana mu ishuri baba abahungu n'abakobwa.
- ✓ Kvitarira kugana amabanki, ibigo by'imari iciriritse n'ibigega bitera inkunga abagore mu rwego rwo kugira ubushobozi bwo kwihangira imirimbo ibyara inyungu
- ✓ Kwandikisha umwana ukivuka
- ✓ Abakobwa bifusa gushinga ingo bakwiye kujya bihitira kubanza gusezerana imbere y'amategeko.